ISO 9001:2015 CERTIFIED

Ikinyamakuru k'imihindagurikire y'ikirere N^{0}01, kigenewe abahinzi- borozi, igice cya mbere Mutarama (01-10), 2021

Cyasohotse ku itariki ya 13 Mutarama 2021

Incamake

Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Mutarama 2021 kuva tariki ya 1 kugeza tariki ya 10, byagaragaye ko isangano ry'imiyaga rikiri mu karere u Rwanda ruherereyemo. Imvura iri mu kigereranyo cy'impuzandengo ndetse no hejuru y'imvura isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu gihugu.Igiteranyo cy'imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Iburengerazuba mu karere ka Rubavu ku bupimiro bwa Nyundo ahapimwe milimetero 110.4 mu minsi 7, ikurikirwa n'ubupimiro bwa Murunda hapimiwe milimetero 98.1 mu minsi 8 ndetse no kubupimiro bwa Zaza mu ntara y'Iburasirazuba hapimiwe milimetero 93.3 mu minsi 5. Naho imvura nke ingana na milimetero 11.4 yapimwe ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Rubavu Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya mbere cya Mutarama. Ibihingwa byinshi bikaba bigeze mu guhe cyo gusarurwa.

1.0 Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, kwiyongera no kugabanuka kw'imvura, ikigeranyo cy'imvura yaguye n'isanzwe igwa, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Mutarama 2021. Muri iki gice imvura yapimwe yari hejuru y'ikigero y'imvura isanzwe igwa ahenshi mu gihugu. Imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Iburengerazuba mu karere ka Rubavu ku bupimiro bwa Nyundo ahapimwe milimetero 110.4 mu minsi 7, ikurikirwa n'ubupimiro bwa Murunda hapimiwe milimetero 98.1 mu minsi 8 ndetse no ku bupimiro bwa Zaza mu ntara y'Iburasirazuba hapimiwe milimetero 93.3 mu minsi 5.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya mbere cya Muatarama 2021

1.2 Kwiyongera/Kugabanuka kw'imvura ugereranyije n'impuzandengo.

Nkuko bigaragara ku ikarita ya kabiri mu gihugu hose imvura imvura yariyongereye cyane uretse kubupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Rubavu aho imvura yagabanutse ugereranyije n'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa.



Ikarita 2 :Kwiyongera no kugabanuka kwimvura mugice cya mbere cya Mutarama 2021

1.3.Ikigereranyo cy'imvura yaguye n'isanzwe igwa mugihe kirekire.

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ishusho ya 1 n'iya 2, ziratwereka imvura ingano yimvura yaguye ugereranyije n'ingano y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Mutarama 2021. Bigaragara ko imvura yaguye yari nyinshi ahenshi mu gihugu.



Ishusho1 : ikigereranyo cy'imvura mu mujyi wa Kigali, intara y'Amajyepfo niy'Iburengerazuba



Ishusho 2*: *ikigeraranyo cy'imvura mu ntara y'Amajyaruguru niy'Iburasirazuba

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi kwa Mutarama 2021. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.
Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura hagati y'iminsi itatu n'iminsi umunani (3-8) uretse ku bupimiro bwa Nyagatare na Kawangire mu ntara y'Iburasirazuba imvura yaguye mu minsi ibiri (2) gusa. Biteganyijwe ko mugice cya kabiri imvura izagwa hagati yiminsi 3 n'iminsi 6.



I karita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cya Mutarama 2021 bwariyongereye bitewe n'uko imvura byaranze iki gice. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongera bitewe n'imvura iteganyijwe mu gice cya kabiri cya Mutarama 2021.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire, mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi. Mu Ntara y'Amajyaruguru, y'Iburengerazuba akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 19.0na 27.5 ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 30.2



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 10.8^0C (Busogo) na dogere Selisiyusi 18.9^0C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Mutarama (tariki 11-20) 2021

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Mutarama 2021 (hagati y'italiki ya 11 kugeza kuya 20) mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 120. Mu gihugu hose hateganyijwe imvura cyane cyane mu minsi itandatu ibanza (hagati y'italiki ya 11 na 16), hagati y'italiki ya 13 na 15 Mutarama 2021 hateganyijwe imvura iringaniye ishyira imvura nyinshi cyane cyane mu majyepfo ashyira Iburengerazuba bw'igihugu.

Imvura iteganyijwe ikazaba iri hejuru y'ikigereranyo cy'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'iri teganyagihe mu gihugu hose. Imvura izagwa mu gihugu mu buryo bukurikira:

Intara y'Iburasirazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 80. Mu karere ka Nyagatare niho hateganyijwe imvura nke ugereranyije n'ahandi muri iyi ntara iri hagati ya milimetero 30 na 50 naho mu gice cyo hagati cy'akarere ka Kirehe ndetse no Mu majyepfo y'Iburasirazuba bwa Ngoma niho hateganyijwe imvura iruta iyahandi iri hagati ya milimetero 70 na 80. Ahandi hasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na70.

Umujyi wa Kigali: Mu majyaruguru y'Akarere ka Gasabo n'agace gato k'amajyaruguru y'akarere ka Nyarugenge hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 70 mu gihe mu majyepfo ya Nyarugenge, Mu burasirazuba bwa Gasabo ndetse n'Akarere kose ka Kicukiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 60.

Intara y'Amajyepfo: Igice gito cy'akarere ka Muhanga no mu burengerazuba bwa Kamonyi, hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 50. Mu karere ka Ruhango, Nyanza, Mu majyepfo ya Gisagara n'ahandi hasigaye mu turere twa Muhanga na Kamonyi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 70. Mu karere ka Huye n'ahandi hasigaye muri Gisagara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 70 na 80. Igice kinini cy'akarere ka Nyaruguru na Nyamagabe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100 ariko mu burengerazuba bw'akarere ka Nyaruguru na Nyamagabe hegereye Pariki ya Nyungwe hateganyijwe imvura igera kuri milimetero 120.

Intara y'Iburengerazuba: Mu burasirazuba bw'akarereka Nyabihu, Ngororero, Karongi n'amajyaruguru y'akarere ka Rubavu hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 70. Mu karere ka Rutsiro, Nyamasheke, igice kinini cya Rusizi n'ahasigaye mu turere twa Karongi, Rubavu, Nyabihu na Ngororero hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 70 na 100.

Mu karere ka Rusizi ahegereye Pariki ya Nyungwe hateganyijwe imvura igera kuri milimetero 120.

Intara y'Amajyaruguru: Mu majyepfo y'akarere ka Rulindo no mugice kinini cy'akarere ka Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 70. Mu majyepfo y'Iburasirazuba bw'uturere twa Burera na Gakenke, mu burengerazuba bw'akarere ka Musanze n'amajyaruguru y'uturere twa Rulindo na Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 60. Ahasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 50.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya kabiri cya Mutarama 2021.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo gukomeza kwitegura neza imirimo y'isarura n'ihunika kuko muri iki gice cya kabiri cya Mutarama ibihingwa byinshi byegereje isarurwa. Uduce tugaragaramo imvura nyinshi bakwiye kwirinda imyuzure. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.